**Kigali, kuwa 30 Kamena 2020**

## Imvura iteganyijwe mu kwezi kwa Nyakanga 2020

Mu kwezi kwa Nyakanga 2020 mu Rwanda hateganyijwe kurangwa n'imvura iri hagati ya milimetero 0 na 30mm. Muri rusange igice kinini cy'igihugu kizarangwa n'imvura nke ndetse n'ibihe by'izuba ryiganje. Mu karere ka Rubavu n'ibice bihana imbibi by'uturere twa Rutsiro na Nyabihu hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 30. Mu bice bisigaye by'intara y'Iburengerazuba na hamwe mu turere twa Musanze na Nyamagabe hahana imbibi n'intara y'i Burengerazuba hateganyijwe imvura nke iri hagati ya milimetero 10 na 20 naho ahasigaye hose hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 0 na 10 (ubusobanuro bwa buri hantu n'imvura ihateganyijwe bigaragara mu ikarita iri hasi). Umubare w'iminsi imvura izagwa uzagera ku minsi ine (4) mu ntara y'Iburengerazuba ahandi ikazaba iri munsi y'iminsi ine mu kwezi kose.

Imvura iteganyijwe muri Nyakanga 2020 iri kukigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu gihugu hose muri Nyakanga. Imvura isanzwe igwa muri Nyakanga iri hagati ya milimetero 0 na 30.